Chancellery for Heroes,National Orders and Decorations of Honour (CHENO)

P.O Box: 635 KIGALI

Website: www.cheno.gov.rw

Email: info@cheno.gov.rw

INYANDIKO IKUBIYEMO SERIVISI ZITANGWA N'URWEGO RUSHINZWE INTWARI Z'IGIHUGU, IMIDARI N'IMPETA BY'ISHIMWE (CHENO)

Kigali Kamena, 2016

IRIBURIRO

Nshimishijwe no kubagezaho inyandiko ikubiyemo serivisi zitangwa n'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu Imidari n'Impeta by'Ishimwe (CHENO).

Iyi nyandiko ikaba yarateguwe hashingiwe kuri gahunda ya Leta y'ivugurura ry'Inzego z'Imirimo ya Leta, ikaba igamije gusubiza ibyifuzo by'Abanyarwanda, gukorera mu mucyo no gukangurira abakozi kwita ku nshingano zabo bubahiriza ibyo bagomba gukorera abaturage.

Irerekana kandi inshingano z'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe, ikagaragaza serivisi zitangwa n'ibisabwa kugira ngo umuntu ahabwe izo serivisi, Ishami ritanga izo serivisi n'ibyangombwa bifasha mu kubona izo serivisi.

Ishyirwaho ry'iyi nyandiko rirerekana ubushake bwacu bwo kwakira neza abatugana hagamijwe kugirana na bo umushyikirano no guha imbaraga ibijyanye no gutanga serivisi inoze.

NKUSI Deo
Umunyamabanga Nshingwabikorwa